No 224 Sept—Oct2019

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI RYAKURIKIRANYE ITORA RY'ABASENATERI RYO MURI NZERI 2019

Mu rwego rwo gukurikirana itora ry'Abasenateri, ryabaye kuva tariki ya 16 kugeza tariki ya 18 Nzeri 2019, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryohereje Indorerezi zituruka mu Mitwe ya Politiki irigize, mu Turere dutandukanye tw'Igihugu gukurikirana uko ibikorwa by'itora byagenze.



Mu itangazo iri Huriro ryamenyesheje abanyamakuru na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, rivuga ko izi Indorerezi z'Ihuriro zakurikiranye itora ry'Abasenateri cumi na babiri (12) batorerwa mu Ntara no mu Mujyi wa Kigali hakurikijwe inzego z'imitegekere y'Igihugu, itora ry'Umusenateri umwe (1) utorwa n'abarimu n'abashakashatsi ba Kaminuza n'Amashuri Makuru bya Leta n'itora ry'Umusenateri umwe (1) utowa n'abarimu n'abashakashatsi Kaminuza n'Amashuri Makuru byigenga.

Mu butumwa bwahawe izi ndorerezi harimo gukurikirana imyiteguro ikorwa mbere y'itora no gukurikirana ibikorwa by'itora nyirizina birimo no kubarura amajwi.

Mu myiteguro y'amatora,Indorerezi z'Ihuriro:

- zashimye uburyo ahabereye amatora hari isuku kandi hateguye neza;
- zabonye ko ibikoresho by'itora byahagereye igihe kandi byari mu mwanya wabyo mbere y'itora nyirizina;
- zabonye ko ibyumba by'itora n'ubwihugiko byari biteguye neza ndetse n'imiterere yayo yerekanaga ko utora atora mu ibanga no mu bwisanzure.

Mu matora nyirizina, Indorerezi z'Ihuriro zakurikiranye itora ry'ibyiciro byose by'Abasenateri; zabonye ko abagize inteko itora batoye mu mucyo, mu mutekano no mu bwisanzure hubahirizwa amategeko abigenga.

Mu ibarura ry'amajwi, izi ndorerezi zivuga ko ryabaye ku mugaragaro, rikurikiranwa n'abagize inteko itora, abahagarariye abakandida, indorerezi ziturutse mu nzego zinyuranye n'abandi baturage babishatse.

Muri rusange, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki ryashimye ubwitabire bw'abagize Inteko itora, rikaba rishima Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'inzego zinyuranye zagize uruhare muri aya matora, agakorwa mu mucyo, mu bwisanzure, ituze n'umutekano.

## INAMA RUSANGE Y'IHURIRO YATOWE ABASENATERI BAGENWA N'IHURIRO

Mu nama idasanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye kuwa kane, tariki ya 19 Nzeri 2019, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Depite MUKABUNANI Christine yashyizeho abakandida b'Abasenateri batangwa n'Ihuriro mu Nteko Ishinga Amategeko/Umutwe wa Sena, nk'uko biteganywa n'amategeko.

Abakandida b'Abasenateri babiri (2) bashyizweho n'Ihuriro ni **Madamu UWAMURERA Salama** watanzwe n'Umutwe wa Politiki PDI na **Bwana NKUSI Juvenal** watanzwe n'Umutwe wa Politiki PSD**.**

Nyuma y'uko ibyangombwa bisabwa aba bakandida Senateri bishyikirijwe Urukiko rw'Ikirenga kugira ngo rubemeze; Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryagejejweho umwanzuro w' Urukiko rw'Ikirenga ugaragaza ko rutemeje Madamu Uwamurera Salama wari watowe kubera kutagira ubunararibonye bukwiye ngo yinjire muri Sena.

Kubera iyo mpamvu, byabaye ngombwa ko kuwa kane tariki ya 03 Ukwakira 2019 abagize Inama Rusange bongera guterana bashyiraho binyuze mu matora **Madamu Murangwa Ndangiza Hadidja** wo mu Ishyaka PDI nk'umukandida senateri.

Muri aya matora, hari hiyamamaje abakandida batatu, hatorwa Madamu Murangwa Ndangiza Hadidja wo muri PDI ku majwi 32, Athanase Nahimana wo mu Ishyaka PS Imberakuri yagize amajwi 4 naho Masozera Icyizanye Jacky wo mu Ishyaka Democratic Green Party of Rwanda agira amajwi 7, n'impfabusa imwe.

Madamu Murangwa Ndangiza Hadija ni inzobere mu bijyanye n'imisoro akaba n'umunyamategeko. Ni umwe mu bagize inama y'ubutegetsi muri Banki Nkuru y'u Rwanda, BNR.

Ni umunyamuryango w'Ikigo Mpuzamahanga cy'Ubukemurampaka cya Kigali (KIAC). Yakoze mu mishinga itandukanye yiga ku misoro n'ubucuruzi yabaga ihuriweho n'imiryango mpuzamahanga ndetse na Guverinoma y'u Rwanda.

Yakoze akazi k'ubujyanama mu bigo mpuzamahanga nka International Finance Corporation (IFC), Umushinga wo guhuza imisoro muri EAC n'ibindi.

Kuri ubu akora nk'impuguke ishinzwe igenamigambi n'iterambere ry'ikigo mu kigo cy'ibabaruramari b'umwuga mu Rwanda, (ICPAR).

Yagiye mu nama z'ubutegetsi z'ibigo bitandukanye mu Rwanda nko muri Banki Itsura Amajyambere (BRD), Ishami rishinzwe ubuvuzi mu gisikare (MMI) no mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuzima (RBC).



*Abasenateri batanzwe n'Ihuriro. (Iburyo ) Hon .* ***Murangwa Ndangiza Hadidja na Hon. NKUSI Juvenal (ibumoso)***

## IHURIRO RYATEGUYE AMAHUGURWA KU INSHINGANO Z'URWEGO RUSHINZWE IGENZURA RY'UMUTUNGO MU MUTWE WA POLITIKI

Kuwa gatanu tariki 18/10/2019 mu cyumba cy'inama cya Hotel Lemigo mu Karere ka Gasabo, ku bufatanye bw'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki (NFPO) n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB), habereye amahugurwa ku inshingano z'urwego rushinzwe igenzura ry'umutungo mu Mutwe wa Politiki; yahuje abahagarariye Imitwe ya Politiki, NFPO, Urwego rw'Umuvunyi n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB).

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana BURASANZWE Oswald wafunguye aya mahugurwa ku mugaragaro yavuze ko amahugurwa agamije guhuza abagize Urwego rushinzwe igenzura ry'umutungo mu Mitwe ya Politiki iri mu Ihuriro kugira ngo baganire ku ngingo z'amategeko zigena imicungire y'umutungo n'imari by'Umutwe wa Politiki no gufatira hamwe ingamba zigamije kunoza imicungire myiza.

Yibukije ko Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, kimwe n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere(RGB) ari zimwe mu Nzego zashyizweho mu rwego rwo gukomeza guteza imbere imiyoborere myiza no guteza imbere umwuga wa politiki mu Rwanda kugira ngo Imitwe ya Politiki mu Rwanda ikomeze kurangwa n'imikorere yubaka, kandi inyuze mu mucyo.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yibukije kandi ko amategeko agenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki abasaba kwitwararika cyane ku birebana n'imicungire n'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Umutwe wa Politiki kuko aba ari umutungo wa rubanda. Akaba ariyo mpamvu kunyuranya n'aya mategeko, bigira ingaruka zikomeye ku Mutwe wa Politiki no ku muntu ku giti cye mu gihe bigaragaye ko yawukoresheje cyangwa akawucunga nabi.

Ikindi ni uko Umutwe wa politiki wakiriye imisanzu, impano n'imirage binyuranyije n'amategeko, uhabwa igihano cyo guhagarika ibikorwa byawo mu gihe cy'imyaka ibiri (2). Iyo ubikoze mu gihe cy'amatora, uhanishwa guhagarika ibikorwa mu gihe cy'imyaka itanu (5), kandi ibyo wahawe bigafatirwa na Leta.

Aya mahugurwa yateguwe hashingiwe ku myanzuro y'amahugurwa yahuje Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki, amahugurwa yateguwe nanone ku bufatanye bwa RGB n'Ihuriro, tariki ya 31 Gicurasi 2019, aho hasabwe ko Ihuriro na RGB, bategura andi mahugurwa agenewe Urwego rushinzwe igenzura ry'Umutungo mu Mitwe ya Politiki iri mu Ihuriro, kugira ngo abarugize barusheho gusobanukirwa inshingano zabo no gufasha Imitwe ya Politiki gukumira no gukemura amakimbirane ashingiye ku mutungo.

Ku kiganiro cyatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi, Umuyobozi ushinzwe imenyekanisha mutungo wari uhagarariye uru Rwego, watanze ikiganiro ku "imenyekanisha n'igenzura ry'umutungo w'umutwe wa politiki" yavuze ko hashingiwe ku mategeko, Umutwe wa Politiki ugomba kugaragariza Urwego rufite iyandikwa ry'Imitwe ya Politiki mu nshingano zarwo uko umutungo wifashe buri mwaka bitarenze tariki ya 30 Nzeri z'umwaka w'ingengo y'imari ukurikira, ukagenera kopi Urwego rw'Umuvunyi.

Yavuze kandi ko Urwego rw'Umuvunyi rugenzura buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa uko umutungo w'umutwe wa politiki wabonetse n'uko wakoreshejwe. Avuga ko Imitwe ya Politiki yagenzuwe ihabwa raporo y'ibyavuye mu igenzura igaragaza n'inama zatanzwe n'Urwego rw'Umuvunyi. Kopi yayo ihabwa Sena n'Urwego rufite iyandikwa ry'Imitwe ya Politiki mu nshingano zarwo.

Yibukije ko mu igenzura ry'umutungo rikorwa n'Urwego rw'Umuvunyi buri mwaka rubyibwirije cyangwa rubisabwe n'Urwego rufite iyandikwa ry'Imitwe ya Politiki mu nshingano zarwo, Umutwe wa Politiki ugomba guha Urwego ibimenyetso n'ibisobanuro bikenewe ku bijyanye n'igenzura rikorewe umutungo.

Mu kiganiro cyatanzwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, ku ngingo z'amategeko zigena imicungire y'umutungo w'Umutwe wa Politiki yavuze ko mu mategeko agenga Imitwe ya Politiki n'imikorere yayo, habamo ingingo zigena imicungire y'umutungo n'imari by'Umutwe wa Politiki. By'umwihariko, Itegeko Ngenga no 10/2013 ryo ku wa 11/7/2013 rigenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, riteganya aho Umutwe wa Politiki ukura umutungo, rikanateganya Urwego rushinzwe igenzura ry'umutungo w'Umutwe wa Politiki.

Yibukije abitabiriye aya mahugurwa ko umutungo w'Umutwe wa Politiki, ari umutungo w'abaturage/rubanda (public), bityo ko uwo mutungo ugomba gucungwa neza kandi ugakoreshwa hakurikijwe amategeko abigenga, yaba amategeko agenga Igihugu, yaba n'amategeko y'Umutwe wa Politiki ubwawo.

Abitabiriye aya mahugurwa bashimye uko yateguwe, ubumenyi bayungukiyemo, bavuga kandi ko barushijeho gusobanukirwa n'inshingano zabo, zo kugenzura imicungire y'umutungo n'imari by'Umutwe wa Politiki babarizwamo, biyemeza ko igihe cyose biri ngombwa bazajya batanga inama zigamije kunoza iyo micungire.

RGB, Urwego rw'Umuvunyi n'Ihuriro, biyemeje gutegurira hamwe inyandiko ikubiyemo ibyo abagize Urwego rushinzwe igenzura ry'umutungo mu Mutwe wa Politiki bazajya bashingiraho bakora igenzura ry'umutungo n'imari mu Mutwe wa Politiki.

Hasozwa aya mahugurwa ku mugaragaro, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yashimye abayitabiriye, abizeza ko amahugurwa nk'aya azajya aba kenshi kugira ngo barusheho gucunga neza umutungo wa rubanda.

## IHURIRO RYASHYIZEHO ABAVUGIZI BASHYA



Kuwa kane, tariki ya 24 Ukwakira 2019, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Depite MUKABUNANI Christine, ishyiraho abagize Biro y'Ihuriro bashya, aho yatoye ku mwanya w'Umuvugizi, **Depite MUNYANGEYO Théogène**, uturuka mu Ishyaka PL, naho ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije, itora **Madamu MUSANABAGANWA Eugènie,** uturuka mu Ishyaka PSP.

Iyi nama kandi yasuzumye, inemeza raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2018-2019, kandi ishima ibikorwa Ihuriro ryagezeho;

Iyi nama na none yasuzumye, inemeza raporo y'igenzura ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2018-2019; inemeza raporo y'indorerezi z'Ihuriro zakurikiranye itora ry'Abasenateri ryo muri Nzeri 2019.

Abagize iyi Nama bashimye ko iri tora ryakozwe mu mucyo, mu bwisanzure no mu mutekano bisesuye. Ikindi, yashimye ubufatanye bw'inzego zagize uruhare mu myiteguro no mu migendekere myiza y'ibikorwa by'itora ry'Abasenateri.

## IHURIRO RYATANGIJE ICYICIRO CYA CUMI NA GATANDATU CY'AMAHUGURWA AGENEWE URUBYIRUKO RUTURUKA MU MITWE YA POLITIKI - YPLA

Kuwa kabiri tariki ya 29 Ukwakira 2019, ku Biro by'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, hatangijwe ku mugaragaro icyiciro cya cumi na gatandatu (16) cy'amahugurwa agenewe urubyiruko ruturuka mu Mitwe ya Politiki yose uko ari cumi n'umwe (11) iri mu Ihuriro mu ishuri ry'Ihuriro ryigisha ibya politiki n'ubuyobozi (Youth political Leadership Academy/YPLA).



Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald watangije aya mahugurwa, yabwiye uru rubyiruko ko amasomo bazahabwa agamije kubongerera ubushobozi mu bya politiki n' imiyoborere myiza.

Basabwe kugira uruhare muri gahunda zose z'Umutwe wa Politiki cyane cyane mu mahugurwa ategurwa n'Umutwe wa Politiki wabo.

Yagize ati "Imitwe ya politiki yabatoranije kuko yabonaga muzayigirira umumaro ndetse no ku Gihugu; indoto mufite zo kwitabira umwuga wa politiki ni nziza ariko musabwa gukorana umurava mu byo mukora byose kandi mugakunda Iguhugu cyacu."

Yasoje abashishikariza gukurikira neza amasomo yose bazahabwa. Yashimye kandi Imitwe ya Politiki yabatoranije, abizeza ko Ihuriro rizakora ibishoboka ngo aya mahugurwa agende neza kandi agirire akamaro abayakurikiye.

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Itumanaho n'Imirimo ya za Komisiyo mu Ihuriro Bwana SINDAYIHEBA Fabien, unakurikiranira hafi iyi gahunda y'amahugurwa atangwa n'Ihuriro, yagaragarije uru rubyiruko ibyo basabwa kugira ngo bakurikire neza aya masomo, ibisabwa Ihuriro n'ikigamijwe muri rusange. Aha yabamenyesheje gahunda igenderwaho mu itangwa ry'aya mahugurwa, imyitwaririre isabwa uyakurikira, ingeri z'amasomo baziga n'ibikoresho bazahabwa kugira ngo bazakurikire neza aya masomo. YPLA yatangiye muri Gashyantare 2010, aho abasore n'inkumi bo mu Mitwe ya Politiki barenga 1000 bamaze guhugurwa muri iyi gahunda.

Ku ikubitiro, urubyiruko rwakurikiye isomo rya "Political ideologies, Nature and functions of Political parties" ritangwa na Dr. NZEYIMANA Isaie.